**IJAMBO RYA PEREZIDA WA SENA, Dr Jean Damascène NTAWUKURIRYAYO, NK'INTUMWA YA NYAKUBAHWA PEREZIDA WA REPUBULIKA Paul KAGAME mu IHURIRO RYA 6 RY'ABANYAMURYANGO baUnity Club INTWARARUMURI.**

- Nyakubahwa First Lady, Muyobozi Mukuru wa Unity Club, ,
- Ba Nyakubahwa Bayobozi Bakuru ku rwego rw'Igihugu;
- Ba Nyakubahwa Bayobozi b'Ingabo na Police ku rwego rw'Igihugu;
- Ba Nyakubahwa Bakuru b'Intara;
- Ba Nyakubahwa Bayobozi b'Uturere, b'amadini, b'amashyaka
- Ba Nyakubahwa Ba Komiseri muri Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge;
- Ba Nyakubahwa Batumirwa bacu mwese,
- Banyamuryango ba Unity Club *NTWARARUMURI*;

Nongeye kubasuhuza mbashimira ibiganiro byiza kandi by'ingirakamaro mwaduteguriye nk'abanyamuryango ba Unity Club, mukaba mwaragize n'igitekerezo cyiza cyo gutumira abayobozi bandi, haba ku rwego rw'igihugu n'izibanze, ndetse n'amadini na société civile n'abandi. Bizababafasha gutera intambwe nziza Unity Club imaze imyaka 17 itwubakira, idusangiza.

Abana bacu badusabye kubafasha gusobanukirwa n'amateka y'igihugu cyabo, y'imiryango yabo, bati: turifuza kuva mu moko

tukibera Abanyarwanda. Twe nk'ababyeyi, twe nk'abayobozi, twe nk'abantu bakuru twabaye mu bihe by'amahina u Rwanda rwanyuzemo, twabyumvise vuba, kandi tubyakirana ingoga n'umutima wumva, w'inararibonye.

Byavuzwe muri iri huriro tumazemo iminsi ibiri, ibiganiro ku kubaka ubunyarwanda byatangiye kera : mu Rugwiro, Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yashyizweho ibihabwamo inshingano. Muri Gashyantare 1996, Unity Club yatangije ibiganiro mu banyamuryango bayo, bikomeza gukura kugeza uyu munsi.

Muri iri huriro rya 6, twateye indi ntambwe haba mu gihe twihaye, mu buryo twakozemo cyane interuro ziremereye twihaye umwanya wo gusesengura no gusobanukirwa, kabone n'iyo bituremereye. Ubu twiyemeje kugera kuri NDI UMUNYARWANDA no kubigeza ku bandi.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, utabashije kubana natwe kubera inshingano zikomeye afite, yashimye kenshi Unity Club. Umwaka ushize abasaba kureba uko mwakwirakwiza umuco mwiza mufite w'ibiganiro ariko by'umwihariko umuco w'uko ntawe ucyura igihe muri Unity Club!

Uwagize amahirwe yo gusangira namwe iri Huriro, arabona ko muri intumwa nziza z'Umukuru w'Igihugu. Mu izina rye, ndabashimiye cyane, mwe Banyamuryango bo mu ikubitiro ba

Unity Club, nshimiye n'ababasanze mu 2007, mbashimiye kandi no mu izina ryanjye bwite.

Iki gihembo mwatekereje *"Unity Award"*, ni indi ntambwe yuje ubwenge mwateye, ubu ni ubugira kane mufatanije na Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge. Turabibashimira kandi tugashima cyane ishyirahamwe IMYUMVIRE MYIZA, rimaze guhabwa *Unity Award 2013*. Twabyumvise mu muvugo wabatuwe, mubaye indashyikirwa, mubiherewe ishimwe, babampere amashyi!

Nyakubahwa First Lady, namwe nshuti-bavandimwe twasangiye ibi biganiro, ngo arerekwa ntashira, uwavuga ibyiza twasanze muri iri Huriro yakwiriza umunsi. Hari igisumba ibindi uyu munsi ni ukuba abantu babashije kwifungura, kwatura, kumenyakana… Abaremerewe basaba imbabazi ndetse zirantangwa. Nk'uko byavuzwe, hari aho tugeze heza twishimira, ariko hari n'urugendo rurerure rukidutegereje. Twizeye ko bizashoboka bigakomeza no mu bundi buryo. Bikagezwa mu zindi nzego hirya no hino mu gihugu, ariko nkifuza ko Unity Club ari yo yakomeza gukurira iki gikorwa kuko ibifitiye ubushobozi ikaba yarabaye n'inararibonye. Bityo igikorwa cyo gukwirakwiza ntikizahinduka ikintu abantu bakora bakiva hano bashyushye ngo ejo ejobundi birambikwe cyangwa bitakaze ireme. Unity Club irangarije imbere ibi bintu byaba byiza kurusha, biratanga icyizere.

Munyemerere nanzure, mfatanya namwe kongera kugira tuti : dushyire hamwe, ducyure umwato w'u Rwanda twihe kandi duhe abana bacu kubaho neza bavuge bemye ngo NDI UMUNYARWANDA.

Mugira amahoro y'Imana.

Gabiro, 12 Ukoboza 2013.